REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITIRI W'INTEBE

IKIGANIRO NYAKUBAHWA MINISITIRI W'INTEBE YAGEJEJE KU NTEKO ISHINGA AMATEGEKO, IMITWE YOMBI, KU BIKORWA BYA GUVERINOMA BYO KUZAHURA UBUKUNGU HIBANDWA KU GUTEZA IMBERE INGANDA (ECONOMIC RECOVERY WITH A FOCUS ON INDUSTRIALISATION)

Ku wa 25/03/2021

- **Nyakubahwa Perezida wa Sena,**
- **Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite,**
- **Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida b'Imitwe yombi,**
- **Ba Nyakubahwa Basenateri,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite,**

1. Nshingiye ku ngingo ya 133 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'uRwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, **nishimiye kubagezaho ibikorwa bya Guverinoma byo kuzahura ubukungu, hibandwa ku guteza imbere inganda (Economic recovery with a focus on industrialisation)**.

2. Iki kiganiro kiribanda ku ngingo zikurikira:

i. Ishusho rusange y'ingaruka za COVID-19 ku bukungu bw'Isi yose muri rusange;

ii. Ingaruka COVID-19 yagize ku izamuka ry'ubukungu bw'u Rwanda;

iii. Iterambere ry'urwego rw'inganda, kuva mu 2017 dutangiza NST1, kugera mu 2020, ubwo COVID-19 yatangiraga;

iv. Ingaruka COVID-19 yagize ku iterambere ry'inganda mu Rwanda;

v. Ingamba nshya zafashwe zo guhangana n'ingaruka za COVID-19 ku bukungu, binyujijwe mu guteza imbere inganda;

vi. Ibimaze kugerwaho mu rwego rw'inganda muri gahunda ya NST1 n'uburyo bizakomeza kwitabwaho kugira ngo birusheho kugira uruhare mu kuzahura ubukungu.

3. Ndagira ngo ntangire mbagaragariza ishusho rusange y'ingaruka za COVID-19 ku bukungu bw'Isi yose muri rusange.

4. Mu 2020, ubukungu bw'Isi bwarazahaye cyane ndetse bitera gushidikanya ku bijyanye n'izahuka ryabwo. Icyorezo cya COVID-19 cyaje gisanga n'ubundi ubukungu bw'Isi butameze neza, bukeneye kubungabungwa ariko kirabuzahaza kurushaho.

5. Mu 2019, ubukungu bwari bwazamutse gahoro, ku kigero cya 2,8% gusa. Iri rikaba ariryo zamuka rito cyane ubukungu bw'Isi bwari buzamutseho uhereye mu 2008/2009, ubwo habaga ihungabana rikomeye ry'ubukungu ku Isi (Global financial crisis).

6. Mu 2020, mbere ya COVID-19, ubukungu bw'Isi bwari buteganyijwe kuzamuka ku kigero cya 3,6%. Ariko kubera COVID-19, igereranya ritwereka ko bwasubiye inyuma ku kigero cya 3,5% mu nsi ya zeru.

7. Mu bihugu byateye imbere (Advanced Economies), mu 2020, byari biteganyijwe ko ubukungu bwabyo bwari kuzamuka ku kigero cya 1,7%. Kubera COVID-19, igereranya rigaragaza ko buzasubira inyuma ku kigero cya 4,9%.

8. Mu bihugu bikizamuka n'ibikiri mu nzira y'amajyambere (Emerging markets and developing countries), mu 2020, byari biteganyijwe ko ubukungu bwabyo bwari kuzamuka ku kigero cya 4,8%. Ariko kubera COVID-19, igereranya rigaragaza ko bushobora gusubira inyuma ku kigero cya 2,4%, munsi ya zeru.

9. Ariko urebye uko ibintu bihagaze mu rwego rw'ubukungu, biteganyijwe ko Umusaruro Mbumbe ku Isi, uzazamuka ku kigero cya 5,5% mu 2021 ndetse no ku kigero cya 4,2% mu 2022. Isi yose ikomeje kugenda ishyiramo imbaraga.

10. Ku birebana n'umugabane wa Afurika, mu 2020, ubukungu bwasubiye inyuma ku kigero cya 2,1%, munsi ya zeru. Nyamara mbere ya COVID-19, bwari buteganyijwe kuzamuka ku kigero cya 4.1%. Biteganyijwe ko buzazahuka ku kigero cya 3,4% mu 2021, biramutse bigenze neza.

11. COVID-19 kandi yagabanyije cyane izamuka ry'ubukungu bwo mu bihugu bihuriye mu Muryango wa Afurika y'Iburasirazuba (EAC). Nyuma yo kuzamuka ku gipimo cya 4,8% mu 2019, imibare igaragaza ko biteganyijwe ko Umusaruro Mbumbe mu bihugu bihuriye muri uyu Muryango, utazamutse na gato mu 2020 (0% growth). Ariko igereranya ry'imibare mu 2021, riteganya ko uyu musaruro uziyongera ukagera kuri 1,5%.

- **Nyakubahwa Perezida wa Sena,**
- **Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite,**
- **Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida b'Imitwe yombi,**
- **Ba Nyakubahwa Basenateri,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite,**

12. Ndagira ngo muri uyu mwanya mbagaragarize ingaruka COVID-19 yagize ku izamuka ry'ubukungu bw'u Rwanda.

13. Kuva mu 2017, dutangira NST1 kugeza mu 2019, mbere y'uko COVID-19 igera mu Rwanda, ubukungu bwazamukaga ku mpuzandengo (average) nibura ya 7,4%. Mu 2019 honyine, bwari bwazamutse ku kigero cya 9,5%.

14. Muri iki gihe kubera ingorane zatewe na COVID-19, ubukungu bw'u Rwanda bwasubiye inyuma, ku kigero cya 3,4%, munsi ya zeru.

15. Mu buryo burambuye, mu gihembwe cya mbere cya 2020, Umusaruro Mbumbe w'Igihugu (GDP), wazamutse ku kigero cya 3,7%. Mu gihembwe cya kabiri, usubira inyuma cyane, ku kigero cya 12,4% munsi ya zeru, kubera ingaruka za COVID-19. Niba mwibuka neza, ni muri icyo gihe icyorezo cya COVID-19 cyari kimaze kugera mu Rwanda, hashyirwaho *lockdown* n'ingamba nyinshi zo kurwanya COVID-19 zatumaga ubukungu buzahara.

16. Icyakora, mu gihembwe cya gatatu bwarazahutse, kugera kuri 3,6% munsi ya zeru ndetse bwakomeje kuzahuka, bugera kuri 0,6% munsi ya zeru mu gihembwe cya kane.

17. Biteganyijwe ko ubukungu bw'u Rwanda buzazahuka ku kigero cya 5,7% mu 2021 na 6,8% mu 2022. Intego yacu ni uko mu 2023, ubukungu bw'Igihugu cyacu buzasubira ku kigero cya 8% bwari buteganyijwe kuzamukaho. Ibyo nanone bizaterwa n'uko icyorezo kizaba cyitwaye ku Isi ndetse no mu Rwanda.

- **Nyakubahwa Perezida wa Sena,**
- **Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite,**
- **Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida b'Imitwe yombi,**
- **Ba Nyakubahwa Basenateri,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite,**

18. Ku byerekeye iterambere ry'inganda, kuva mu 2017 kugeza mu 2020, uruhare rwazo mu Musaruro Mbumbe w'Igihugu, rwavuye kuri 17% rugera kuri 19%. Ibi bigaragaza ko intego twari twihaye muri NST1, yo kugera kuri 19,4%, mu 2020/2021, turi hafi kuyigeraho.

19. Uyu musaruro wakomotse ku ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba zo guteza imbere ishoramari ry'imbere mu Gihugu ndetse n'irituruka mu mahanga.

20. Muri uyu mwanya, ndagira ngo mbahe zimwe mu ngero zifatika zishimangira uruhare rw'inganda mu bukungu bw'Igihugu cyacu.

21. Gushingwa kw'inganda hirya no hino mu Gihugu, cyane cyane ibyanya byahariwe inganda (Industrial parks), bigira uruhare rukomeye mu guhanga no guha akazi Abanyarwanda benshi. Muri rusange, mu 2020, abasaga ibihumbi magana arindwi (**708.796**), bangana na **20,4%** by'abakora mu nzego zose z'Igihugu, bakoraga mu rwego rw'inganda.

22. Urwego rw'inganda rwakomeje kugira uruhare rugaragara mu kwinjiriza Igihugu amadovize. Nko mu 2020, u Rwanda rwohereje mu mahanga (Export) ibicuruzwa byatunganyirijwe mu nganda z'imbere mu Gihugu, byari bifite agaciro gasaga miriyoni 760 z'Amadorari ya Amerika.

23. Urundi ruhare rukomeye rw'inganda ni ugufasha abaturage kubona ibikoresho by'ingenzi bakenera mu buzima bwa buri munsi. Aha twavuga nk'ibiribwa n'ibinyobwa, ibikoresho by'ubwubatsi nka sima, amabati, ferabeto, n'ibindi bikoresho bikenerwa mu buzima bwa buri munsi bw'Abanyarwanda, harimo n'imyenda ndetse tukaba twarageze n'aho dukora bimwe mu bikoresho twari dukeneye mu rwego rw'ubuzima, harimo udupfukamunwa n'ibindi bikoresho bikoreshwa kwa muganga.

24. Urwego rw'inganda rugira kandi uruhare rukomeye mu kwinjiriza Igihugu imisoro. Kuva mu 2017/2018 kugeza mu 2019/2020, inganda zari ku mwanya wa kabiri mu kwinjiza imisoro. Imisoro zinjije yari ku mpuzandengo ya 16,5%.

25. Mu 2019/2020, urwego rw'inganda rwinjije miriyari 235 zivuye kuri miriyari 195 z'amafaranga y'u Rwanda zo mu 2017/2018. Ibi biragaragaza ubwiyongere bwa 20%.

26. Ugereranyije n'izindi nzego zinjiza imisoro, mu 2019/2020, urwego rw'inganda rwari rufite uruhare rwa kabiri mu kwinjiza imisoro myinshi mu Gihugu. Uruhare rwa mbere rufitwe n'ubucuruzi butandukanye harimo uburanguza n'ubudandaza (Wholesale and retail trade), bufite uruhare rwa 24,5%.

27. Iterambere ry'inganda ryagiye rigira uruhare runini mu guteza imbere izindi nzego z'ubukungu nk'ubuhinzi na serivisi. Urugero ni uko inganda zigira uruhare mu kubonera isoko umusaruro uvuye mu buhinzi n'ubworozi ndetse no kuwongerera agaciro (Agro-processing), ibikorwa by'ubwikorezi (Transport), ibikorwa by'amabanki (Loans and deposits), ibikorwa by'ubwishingizi, ibikorwa byo kwamamaza ubucuruzi n'ibindi byinshi.

28. Uru ruhare rw'inganda tumaze kubagaragariza, turukesha inganda 962 u Rwanda rufite kugeza ubu, kandi zikorera mu Turere twose tw'Igihugu. Muri zo, 569 zingana na 59% zitunganya umusaruro ukomoka ku buhinzi n'ubworozi (Agro-processing).

29. Izindi nganda 47 zingana na 5% zikora ibikoresho by'ubwubatsi (Construction materials); izisigaye 346 zingana na 36% zikora ibindi bikoresho bitandukanye (Light manufacturing). Muri izi nganda 962, izingana na 283 zashinzwe hagati ya 2017 na 2020.

- **Nyakubahwa Perezida wa Sena,**
- **Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite,**
- **Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida b'Imitwe yombi,**
- **Ba Nyakubahwa Basenateri,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite,**

30. Ku byerekeranye n'ingaruka za COVID-19 ku iterambere ry'inganda mu Rwanda, mu 2020, umusaruro w'inganda wasubiye inyuma ku kigero cya 4% munsi ya zeru.

31. Umusaruro w'inganda mu gihembwe cya mbere cya 2020 wazamutse ku kigero cya 2%. Iri zamuka ryakurikiwe no gusubira inyuma gukomeye cyane ku kigero cya 19% munsi ya zeru, mu gihembwe cya kabiri. Nk'uko mubizi iki gihembwe cya kabiri ni cyo cyarimo ingamba nyinshi zo kwirinda iki cyorezo. Ibikorwa byose bijyanye no kuzamura ubukungu ntabwo byakoraga.

32. Gusa uko gusubira inyuma kwaje koroha mu gihembwe cya gatatu, aho umusaruro wasubiye inyuma kugera ku kigero cya 1% munsi ya zeru.

33. Mu gihembwe cya kane, umusaruro w'inganda wazamutse ku kigero cya 2%. Ibi byatewe ahanini n'uko ibikorwa by'inganda byinshi byari bimaze kongera gufungurwa, ndetse n'ingamba zo kwirinda COVID-19 muri rusange zimaze koroshywa.

34. Ukurikije imibare tugenda tubona, irerekana ko, uko icyorezo cya COVID-19 cyagiye gikomera, ingamba zo kukirwanya zigashyirwa mu bikorwa, inganda zagiye zihungabana ku buryo bugaragara, kubera imirimo yabaga itarimo gukorwa.

35. Mu 2020, urwego rw'ubwubatsi rwasubiye inyuma ku kigero cya 6%. Ibi byatewe ahanini n'ingamba zafashwe zo gukumira ikwirakwizwa ry'icyorezo cya COVID-19 hagamijwe kurinda ubuzima bw'abantu.

36. Iki gipimo kandi cyagabanuwe no kugereranywa n'umwaka wabanje, kuko muri uwo mwaka, harimo imwe mu mishinga minini cyane y'ibikorwa remezo byakozwe mu rwego rw'ubwubatsi.

37. Urwego rw'ubwubatsi rwahungabanye cyane mu gihembwe cya kabiri (-20%), ariko rwatangiye kuzahuka mu gihembwe cya gatatu (-6%) no mu gihembwe cya kane (-2%).

38. Iri zahuka ryatewe ahanini n'uko ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba zo kwirinda COVID-19 zari zimaze gutanga umusaruro, maze bituma zimwe mu ngamba zigenda zoroshywa.

39. Izahuka ry'urwego rw'ubwubatsi kandi ryatewe n'imirimo yo kubaka ibyumba by'amashuri bingana na 22.505 mu Gihugu hose. Ibi rero byazamuye uru rwego ndetse binatanga n'akazi ku Banyanrwanda, binasaranganya amafaranga mu byaro no mu mijyi mu Gihugu hose.

40. Mu 2020, umusaruro w'ibitunganyirizwa mu nganda (Manufacturing) wazamutse ku kigero cya 2%. Iri rikaba ari izamuka rito ugereranyije n'izamuka rya 11% ryo mu 2019.

41. Ibi byatewe ahanini n'ibura ry'ibikoresho by'ibanze bikoreshwa mu nganda kubera ko COVID-19 yadindije ubwikorezi n'ubucuruzi mpuzamahanga.

42. Muri uru rwego rw'ibitunganyirizwa mu nganda (Manufacturing), naho igihembwe cya kabiri nticyagenze neza (-13%). Icyakora, mu gihembwe cya gatatu, uru rwego rwazamutse ku kigero cya 6% ndetse no mu gihembwe cya kane ruzamuka ku kigero cya 10%.

43. COVID-19 kandi yagize ingaruka mbi cyane ku ishoramari ryerekeye inganda. Ugereranyije n'ishoramari ryakozwe mu 2019, iryo mu 2020 ryagabanyutseho 67,2%. Ni mu gihe, muri rusange, ishoramari ryose ryagabanyutseho 47,1%.

44. Indi ngaruka COVID-19 yagize ku rwego rw'inganda, ni igabanyuka ry'imirimo muri bimwe mu byiciro by'urwego rw'inganda. Imibare igaragaza ko ugereranyije n'uko byari bimeze mu 2019, mu 2020, imirimo imwe n'imwe yo mu nganda yagabanyutse cyane.

45. Imirimo yo mu rwego rw'ibitunganyirizwa mu nganda (Manufacturing sector) yagabanyutseho ingana na 7.401 bihwanye na 4%. Mu 2020, iyi mirimo yageze ku 201.555 ivuye ku mirimo 208.956 yariho mbere y'Icyorezo cya COVID-19 mu 2019.

46. Imirimo y'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro (Mining and quarrying) yagabanyutse ku kigero cya 19%. Ibi bingana n'imirimo 13.826. Mu 2020, imirimo yaragabanyutse igera kuri 57.379 ivuye ku 71.205 ya mbere y'Icyorezo cya COVID-19 mu 2019.

47. Imirimo yo mu rwego rw'ingufu, amashanyarazi n'amazi (Energy, electricity and water) yagabanyutse ku kigero cya 16%. Ibi bingana n'imirimo 2.644. Imirimo yaragabanyutse igera kuri 14.143, ivuye kuri 16.787 ya mbere y'Icyorezo cya COVID-19 mu 2019.

48. N'ubwo imibare maze kubabwira igaragaza ko COVID-19 yagabanyije umubare w'abakoraga mu mirimo yo mu rwego rw'inganda, abakora mu rwego rw'inganda bo bariyongereye.

49. Mu 2020, ugereranyije na 2019 mbere ya COVID-19, bigaragara ko abakora mu rwego rw'inganda, muri rusange, biyongereyeho 16%.

50. Iri zamuka ry'imirimo rituruka gusa ku mirimo yo mu rwego rw'ubwubatsi yiyongereye ku kigero cya 38%, bingana n'imirimo mishya 120.698 yahanzwe mu 2020.

51. Ibi byatewe ahanini n'ibikorwa by'ubwubatsi birimo iyubakwa ry'amashuri ryakozwe mu Gihugu hose kandi mu gihe gito kitarenze amezi umunani.

52. Byatewe kandi na gahunda yashyizweho yo kuzahura ubukungu aho ibikorwa by'ubwubatsi byahawe umwihariko, byaba iby'abikorera ndetse n'iby'Inzego za Leta.

- **Nyakubahwa Perezida wa Sena,**
- **Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite,**
- **Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida b'Imitwe yombi,**
- **Ba Nyakubahwa Basenateri,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite,**

53. Mu rwego rwo guhangana n'ingaruka za COVID-19 ku bukungu muri rusange harimo n'urwego rw'inganda, **Guverinoma y'u Rwanda yashyizeho Gahunda yo kuzahura ubukungu bw'Igihugu (Economic Recovery Plan).**

54. Iyi gahunda igamije, mbere na mbere, gufasha ibikorwa byazahajwe na COVID-19, byaba ibyo mu rwego rw'inganda cyangwa ibindi byiciro by'ubukungu bw'Igihugu. Iyi gahunda yatangiye gushyirwa mu bikorwa guhera mu kwezi kwa gatandatu k'umwaka wa 2020.

55. Muri urwo rwego, Guverinoma yashyizeho kandi Ikigega cyo kuzahura ubukungu gifasha ibikorwa by'ubucuruzi byazahajwe na COVID-19 (Economic Recovery Fund). Iki Kigega kikaba cyariyemeje gufasha inzego zahungabanye cyane kurusha izindi. Muri iki kigega, Guverinoma yashyizemo asaga miriyari 100 z'amafaranga y'u Rwanda.

56. Kugeza ubu, miriyari zisaga 75 z'amafaranga y'u Rwanda zimaze guhabwa abikorera ku nyungu ntoya cyane bitewe n'icyiciro cy'inguzanyo. Aya mafaranga ahabwa abikorera anyujijwe mu bigo by'imari bakorana nk'amabanki, ibigo by'imari bicirirtse (MFIs) na za SACCOs.

57. Mu rwego rwo gushyigikira ibikorwa by'ubucuruzi, hakozwe ubukangurambaga bunyujijwe mu itangazamakuru. By'umwihariko, BDF yakoranye n'inzego z'ibanze mu kumenyekanisha amakuru, inashyiraho uburyo bwo gufasha abacuruzi bato kubona inguzanyo yo kuzahura ibikorwa byabo.

58. Bitarenze uyu mwaka wa 2021, iki kigega kizakomeza kongererwa ubushobozi ku buryo kizageza kuri miriyari zisaga 350 z'amafaranga y'u Rwanda.

59. Mu rwego rw'inganda, izitunganya umusaruro (Manufacturing) zimaze guhabwa miriyoni 955 z'amafaranga y'u Rwanda.

60. Biteganyijwe ko mu gihe kitarenze uyu mwaka wa 2021, urwego rw'inganda ruzongererwa asaga miriyari 150 z'amafaranga y'u Rwanda. Aya mafaranga azashyirwa mu bikorwa by'ishoramari ry'inganda (Agro-processing, construction materials, light manufacturing, and cross cutting enablers).

61. Mu rwego rwo kuzahura ubukungu hibandwa cyane ku guteza imbere inganda, Guverinoma y'u Rwanda yashyizeho kandi Gahunda yo guteza imbere inganda mu Gihugu kugira ngo zirusheho gutanga umusaruro no kugira uruhare mu kuzahura ubukungu (Manufacture and Build to Recover Program/MBRP).

62. Guverinoma ikaba yarafashe uyu mwanzuro nyuma yo kubona ko hakenewe izindi ngamba zo kugabanya ikiguzi cyo gutangiza imishinga mishya no kwagura iyari isanzweho, mu rwego rwo kuzahura ubukungu. Ibi bijyana no gushishikariza ababishaka bose gushora imari mu bukungu, cyane cyane mu rwego rw'inganda.

63. Iyi gahunda igamije gushyigikira imishinga yose y'abashoramari bifuza gushora imari mu bijyanye n'inganda ndetse n'ibijyanye n'ubwubatsi. Iyi gahunda yibanda ku byiciro bine bikurikira:

64. Icyiciro cya mbere ni icy'ubwubatsi muri rusange (General Construction). Muri iki cyiciro, umushinga ugomba kuba ugamije gushora imari ingana na miriyoni 10 z'Amadorari y'Amerika kuzamura. Imishinga iri muri iki cyiciro yoroherezwa mu gusonerwa umusoro ku nyongeragaciro ku bikoresho by'ubwubatsi byakorewe mu Rwanda (VAT exemption on locally produced construction materials).

65. Inasonerwa no ku bikoresho by'ubwubatsi bitumizwa mu mahanga bitaboneka mu Karere ka Afurika y'Iburasirazuba (exemption on VAT and import duties on construction materials not available in the EAC).

66. Iyi mishinga inasonerwa kandi amahoro (Duty exemption) ku bikoresho by'ubwubatsi bitumizwa mu mahanga bitaboneka mu Rwanda cyangwa mu Karere ka Afurika y'Iburasirazuba (Aha hasuzumwa umushinga ukwawo).

67. Icyiciro cya kabiri ni icy'imishinga y'ibitunganyirizwa mu nganda (General manufacturing). Muri iki cyiciro, inganda zoroherezwa mu gusonerwa umusoro ku nyongeragaciro ku mashini n'ibikoresho by'ibanze bikoreshwa mu nganda byakorewe imbere mu Gihugu (VAT exemption for machines and raw materials sourced domestically).

68. Icyiciro cya gatatu ni icy'ubwubatsi bw'inganda (Factory construction). Muri iki cyiciro, umushinga ugomba kuba ugamije gushora imari itari munsi ya miriyoni imwe y'Amadorari y'Amerika (USD 1 Million) ku mishinga yo kubaka inganda nshya. Ku mishinga yari isanzwe ihari, imari ikenerwa ni itari munsi ya miriyoni imwe y'Amadorari y'Amerika cyangwa 20% by'ishoramari ryari risanzwe.

69. Icyakora, ku mishinga mishya irebana n'ubwubatsi bw'inganda zitunganya umusaruro ukomoka ku buhinzi n'ubworozi (Agro-processing), umushinga ugomba kuba ugamije gushora imari itari munsi y'ibihumbi 100 by'Amadorari ya Amerika gusa.

70. Iyi mishinga izoroherezwa mu gusonerwa umusoro ku nyongeragaciro ku bikoresho by'ubwubatsi bikorewe mu Rwanda n'ibitumizwa mu mahanga bitaboneka mu Karere ka Afurika y'Iburasirazuba.

71. Izanasonerwa amahoro ku bikoresho by'ubwubatsi bitumizwa mu mahanga bitaboneka mu Rwanda cyangwa mu Karere ka Afurika y'Iburasirazuba (Aha hasuzumwa umushinga ukwawo).

72. Icyiciro cya kane kirareba imikorere myiza y'inganda (Performance-based incentives). Muri iki cyiciro, inganda zoroherezwa mu kugabanyirizwa umusoro ku bihembo by'abakozi mu 2021 ndetse no mu kwishyura umusoro ku nyungu z'amasosiyete (Tax credits offsetting 2021 PAYE and CIT payments).

73. Zinagabanyirizwa kandi ibihumbi 50.000 FRW by'umusoro kuri buri miriyoni imwe yiyongereye ku byo zinjije cyangwa zohereje mu mahanga (FRW 50,000 tax credit per FRW 1 Million of revenue or exports).

74. Ku bijyanye n'imirimo, hazabaho kugabanyirizwa 10% by'umusoro ku bihembo kuri buri mukozi mushya uhawe akazi. Ushaka kubona aya mahirwe, anyura mu Rwego rw'Igihugu rushinzwe Iterambere (RDB) kandi birihuta. Amakuru yose aboneka mu rwego rwa RDB ku bayakeneye bashaka gushora imari.

75. Kugeza ubu, imishinga 9 yujuje ibisabwa yamaze kwemererwa kunganirwa (Investment incentives). Iyi mishinga ni iyo mu rwego rw'inganda, cyane cyane izikora ibikoresho bitandukanye (Manufacturing) n'ubwubatsi (Construction).

76. Ibi byose bikorwa mu rwego rwa Gahunda yo kunganira inganda zo mu Gihugu kugira ngo zirusheho gutanga umusaruro no kuzahura ubukungu (MBRP).

77. Iyi Gahunda, muri rusange, yitezweho kwinjiza mu bukungu bw'igihugu, miriyari zirenga igihumbi z'Amafaranga y'u Rwanda (USD 1,170 million) binyuze mu ishoramari rishya, ndetse ikanatanga n'imirimo mishya irenga 27.000 (Direct and indirect). Iyi mibare ivuzwe haruguru ishobora kurenga bitewe n'ubushake Guverinoma ifite bwo kuzahura ubukungu bw'Igihugu ku buryo bwihuse.

- **Nyakubahwa Perezida wa Sena,**
- **Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite,**
- **Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida b'Imitwe yombi,**
- **Ba Nyakubahwa Basenateri,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite,**

78. Mu rwego rwo gukomeza gushyigikira izahuka ry'ubukungu ndetse n'ibikorwa bya Gahunda yo kunganira inganda mu Gihugu kugira ngo zirusheho gutanga umusaruro, **Guverinoma y'u Rwanda kandi yashyizeho Komite ihoraho ishinzwe iterambere ry'inganda kugira ngo ikurikirane iyo mirimo ndetse no kugira ngo tumenye neza ko nta ruganda cyangwa ufite ishoramari ushaka gushinga uruganda wacikanwa.**

79. Iyi Komite ikaba ifite inshingano zikurikira:

- Gusuzuma no kwemeza ubufasha (incentives) bwahabwa ababisabye muri urwo rwego rw'izo nganda no kureba ko bujuje ibisabwa.
- Gusesengura imbogamizi inganda nyinshi zagiye zigira, kugira ngo tuzifashe kuzahuka.
- Gusura inganda zose ziri mu Gihugu zihasanzwe, kugira ngo harebwe icyatuma zisubira inyuma, bityo zifashwe kukirwanye hakiri kare.

Iyo komite irakora umunsi ku wundi kandi imaze gutanga umusaruro.

- **Nyakubahwa Perezida wa Sena,**
- **Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite,**
- **Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida b'Imitwe yombi,**
- **Ba Nyakubahwa Basenateri,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite,**

80. Muri aka kanya, ndagira ngo mbagezeho ibimaze kugerwaho mu rwego rw'inganda muri Gahunda yo guteza imbere ibikorerwa mu Rwanda (*Made in Rwanda)*, mbihuza n'ibyari biteganyijwe muri Gahunda yo Kwihutisha Iterambere (NST1). Ibi bizakomeza kwitabwaho kugira ngo birusheho kugira uruhare mu kuzahura ubukungu.

81. Mu by'ukuri icyo bisobanuye ni uko n'ubwo dushyiraho gahunda yo kwihutisha iterambere ry'inganda, bidakuraho ibyo twari twariyemeje gukora muri Gahunda yo Kwihutisha iterambere ryihuse ry'ubukungu bwacu, ahubwo turageregeza kubihuza kugira ngo inganda zishobore kudufasha kuzahura ubukungu bwacu.

82. Mu rwego rw'ubwubatsi, mu 2020 sima yakorewe mu Rwanda yageze kuri toni 455.328 ugereranyije na toni 322.391 zo mu 2017 bihwanye n'izamuka rya 41%.

83. Mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro, hashyizwe imbaraga mu kuyongerera agaciro (value addition). Hatangijwe inganda zitunganya Gasegereti, Zahabu, Koltan, n'Amabuye y'Amabengeza (gemstones).

Ibi byongereye amadovize aturuka ku mabuye y'agaciro, kuva kuri miriyoni 180 z'Amadorari ya Amerika mu 2017, kugera kuri miriyoni 730 z'Amadorari ya Amerika mu 2020.

84. Binyuze muri gahunda yo guteza imbere ibikorerwa mu Rwanda, inganda zitandukanye zashishikarijwe gukora bimwe mu bikoreso byadufashije kurwanya icyorezo cya COVID-19, harimo udupfukamunwa, imiti isukura intoki ndetse n'ibindi bikoresho bikoreshwa kwa muganga cyane cyane ibirinda kwandura abakora mu nzego z'ubuzima.

85. Muri Gahunda y'Uruganda Iwacu (Community Processing Centers/CPCs), Guverinoma yashyizeho inganda 6 zatwaye asaga miriyari 4 z'amafaranga y'u Rwanda (FRW 4.083.887.402).

86. Iyi gahunda igamije gutinyura abikorera gushora imari mu nganda zongerera agaciro umusaruro, cyane cyane uw'ubuhinzi n'ubworozi wiganje mu Karere buri ruganda ruherereyemo.

87. Izo nganda zashyizwe mu Ntara zose z'Igihugu. Mu Majyaruguru, mu Karere ka Burera, hashinzwe uruganda rutunganya ibikomoka ku mata.

88. Mu Burengerazuba, hashyizweyo inganda ebyiri, urutunganya ibikomoka ku birayi ruri mu Karere ka Nyabihu n'uruganda rutunganya ibikomoka ku buki ruri mu Karere ka Rutsiro.

89. Mu Majyepfo, hashyizweyo uruganda rutunganya ibikomoka ku ibumba ruri mu Karere ka Nyanza.

90. Mu Ntara y'Iburasirazuba, mu Karere ka Gatsibo hashyirwayo uruganda rutunganya ibikomoka ku mpu n'urutunganya ibikomoka ku bitoki ruri mu Karere ka Rwamagana.

91. Nk'uko byari biteganyijwe, igihe uruganda rwamaze gutangira neza, abikorera bafatanyije na Leta mu gushyiraho uruganda bagombaga kugura imigabane yose ya Leta, bityo uruganda rugasigara rukoreshwa n'abikorera. Ni muri urwo rwego, inganda ebyiri ari zo: uruganda rutunganya ibikomoka ku mata n'urw'ibumba zeguriwe abikorera.

92. Kwegurira abikorera inganda zimaze gufata umurongo, bituma zirushaho gutanga umusaruro mwiza. Urugero ni uruganda rutunganya ibikomoka ku mata. Kuva rwegurirwa umushoramari, umukamo w'amata rwatunganyaga wikubye gatanu.

93. Uyu musaruro wavuye kuri litiro 500 ubu ugeze kuri litiro 2.500 ku munsi. Uruganda rutunganya ibikomoka ku ibumba rweguriwe umushoramari, ubu akaba yarahaye akazi abantu 150 bahoraho.

94. Guverinoma y'u Rwanda irimo kunoza imikorere y'Uruganda iwacu ku buryo ruzagira imikorere isobanutse uko iminsi igenda ishira kandi dutunganya ibyaba bitarakozwe neza dutangira iyi gahunda.

95. Bimwe mu birimo gukorwa ni ukongerera ubushobozi inganda kugira ngo zirusheho gukora neza. Ibi bizatuma izi nganda zitanga umusaruro wisumbuyeho bityo bikurure abikorera bashaka kuzegukana kandi iyo gahunda yo kuzegurira abikorera akaba ari yo gahunda dushyigikiye.

96. Biteganyijwe kandi ko izi nganda zizaba isoko ry'umusaruro w'abaturage n'inzira yo guhanga imirimo kandi zikabasha no kohereza umusaruro wazo ku masoko yo mu Rwanda no mu mahanga (Exports). Ibi bizagira uruhare rugaragara mu kuzahura ubukungu bw'Igihugu cyacu.

97. Guverinoma y'u Rwanda yashyizeho kandi Udukiriro (Integrated Craft Production Centres/ICPCs). Iyi Gahunda igamije gufasha Igihugu kugera ku ntego yacyo yo guhanga imirimo itari iy'ubuhinzi gusa (Off-farm jobs). By'umwihariko, iyi gahunda igamije gushyiraho inyubako zabugenewe zikorerwamo n'abanyamwuga batandukanye nk'abadozi, ababaji, abakanishi, abasuderi n'abandi.

98. Udukiriro dutanga amahirwe yo kwimenyereza umwuga nyuma yo kuva mu ishuri ndetse hakanakurikiraho gahunda yo kwikorera bityo iterambere ku rubyiruko n'ubunyamwuga muri rusange rikihuta. Ibi bigatuma n'uruhare rwabo mu iterambere ry'ubukungu bw'Igihugu rugaragara cyane cyane muri ibi bihe twugarijwe na COVID-19 n'ingaruka zayo.

99. Mu Turere 30 tugize Igihugu cyacu, ubu hamaze kubakwamo udukiriro 24. Uturere 6 (Nyarugenge, Gicumbi, Musanze, Rulindo, Nyanza na Nyaruguru) tukaba ari two tutari twubaka udukiriro ariko natwo tukaba twaramaze kubishyira muri gahunda zatwo za vuba.

100. Koperative z'abadozi (harimo na kompanyi z'abadozi) 10 zikorera mu Turere 7 (Kicukiro, Musanze, Rwamagana, Bugesera, Rubavu, Gasabo na Ngoma) zabonye imashini muri gahunda y'ikodeshagurisha (Leasing). Izo mashini zatwaye asaga miriyoni magana ane z'amafaranga y'u Rwanda (FRW 471.415.705).

101. Koperative z'ababaji (harimo na kompanyi z'ababaji) 20 zikorera mu Turere 15 (Rusizi, Rubavu, Bugesera, Kirehe, Gakenke, Ngororero, Nyamagabe, Rutsiro, Kayonza, Gasabo, Karongi, Burera, Rwamagana, Gatsibo na Ngoma) zabonye imashini muri gahunda y'ikodeshagurisha (leasing). Izo mashini zaguzwe asaga miriyari imwe y'amafaranga y'u Rwanda (FRW 1.050.170.289).

102. Koperative y'abatunganya ibikomoka ku mpu ikorera mu Karere ka Kayonza yabonye imashini muri iyo gahunda y'ikodeshagurisha (Leasing)

103. Kompanyi y'abasuderi ikorera mu Karere ka Gatsibo yabonye imashini muri gahunda y'ikodeshagurisha (Leasing). Iyi mashini yaguzwe amafaranga asaga miriyoni mirongo itanu z'amafaranga y'u Rwanda (FRW 53.095.000).

104. Koperative igamije guteza imbere ibikorwa bijyanye n'ububaji n'ubukorikori mu Rwanda (ADARWA) yo mu Karere ka Gasabo yabonye imashini yumisha imbaho (wood drier). Akaba ari imashini yari ikenewe cyane mu rwego rwo guteza imbere ibiva ku mashyamba.

105. Kuva mu 2016 kugera mu 2019, abanyamwuga bagera kuri 913 nibo bamaze guhugurwa mu myuga itandukanye yiganjemo cyane ububaji. Muri bo harimo abagabo 809 n'abagore 104.

106. Imirimo irenga 2.930 itaziguye (Direct jobs) niyo imaze guhangwa mu dukiriro 24 tumaze kubakwa.

107. Kugeza ubu, Leta imaze gutanga asaga miriyari imwe na miriyoni magana arindwi z'amafaranga y'u Rwanda (FRW 1.775.968.744) mu rwego rwo guteza imbere abakorera mu dukiriro.

108. Ibi biratanga ikizere ko udukiriro tuzagira uruhare rukomeye mu kuzahura ubukungu, cyane cyane dutanga imirimo ku Banyarwanda. Leta yiyemeje kuzakomeza gutanga inkunga yose ishoboka izakenerwa mu guteza imbere udukiriro.

109. Mu rwego rwo guteza imbere inganda no kureshya ishoramari, ari iriturutse hanze ndetse n'iry'imbere mu Gihugu, Guverinoma yashyizeho gahunda yo guteza imbere Ibyanya by'inganda (Industrial Parks) kandi iyo gahunda iragenda neza.

110. Iyi gahunda igamije kandi kwegereza abashoramari ibikorwa remezo, guharanira iterambere ry'inganda ritabangamiye ibidukikije, kubonera imirimo Abanyarwanda, ndetse no kugira ngo serivisi zigenerwa abashoramari zihutishwe kandi zitangirwe hamwe.

111. Ni muri urwo rwego, hatoranyijwe Uturere tugomba gushyirwamo ibyo byanya by'inganda. Kugeza ubu, mu Rwanda dufite ibyanya by'inganda icyenda (9).

112. Hari icyanya cy'inganda cya Kigali (Kigali Special Economic Zone) cyubatswe mu Karere ka Gasabo, ku buso bungana na hegitari magana abiri na mirongo inani n'icyenda (289 Ha). Muri iki cyanya hamaze kubakwamo inganda zigera ku 123, ndetse n'izindi zigera kuri 49 zikaba zirimo kubakwa.

113. Mu nganda zikorera muri iki cyanya cy'inganda, kugeza ubu, izigera kuri 14 (11%) ni inganda zitunganya ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi (Agro-processing), 30 (24%) ni inganda zikora ibikoresho by'ubwubatsi (construction materials), naho inganda 58 (47%) zikora ibikoresho bindi bitandukanye (light manufacturing). Naho 21 (17%) ni inzu z'ububiko (warehouses).

114. Hari n'icyanya cy'inganda cya Bugesera (Bugesera Industrial Park) ari nacyo cyagutse kurusha ibindi. Biteganyijwe ko kizubakwa ku buso bungana na hegitari magana atatu na mirongo itatu (330Ha). Ubu inyigo y'uko icyo cyanya kizubakwa no kwimura abaturage byarakozwe. Gushyiramo ibikorwa remezo byatangiranye

n'icyiciro cya mbere kigizwe na hegitari ijana (100ha). Kugeza ubu, imirimo igeze ku kigero cya 70%. Inganda 19 nazo zahawe ubutaka muri icyo cyanya. Muri zo, inganda 4 zatangiye gukora.

115. Hari kandi icyanya cy'inganda cya Rwamagana (Rwamagana Industrial Park) kiri ku buso bungana na hegitari mirongo inani (80 Ha). Mu rwego rwo kugitunganya, hamaze gukorwa inyigo, kwimura abaturage byararangiye kandi n'ibikorwa remezo byatangiye gushyirwamo.

116. Inganda zigera kuri cumi na rumwe (11) zamaze gutangira gukoreramo. Kugeza ubu, izigera kuri 5 (45%) ni inganda zitunganya ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi (Agro-processing), 5 (45%) ni inganda zikora ibikoresho by'ubwubatsi (Construction materials), n'uruganda rumwe rukora ibijyanye n'ubudozi. Ubu inganda umunani (8) zirimo kubakwa.

117. Hari n'icyanya cy'inganda cya Musanze kiri ku buso bwa 167 Ha (Musanze Industrial Park). Inyigo igaragaza ibizakorerwamo yarakozwe ndetse n'abaturage bamaze kwimurwa. Kugeza ubu, hamaze kugeramo uruganda rukora sima. Ku bufatanye bwa Guverinoma n'abikorera harimo gushyirwamo ibikorwa remezo bikenewe.

118. Ikindi cyanya cy'inganda ni icya Huye (Huye Industrial Park). Iki cyanya gifite ubuso bwa hegitari mirongo itanu (50 Ha). Inyigo yarakozwe ndetse n'abaturage bamaze kwimurwa. Guverinoma irimo

gukorana n'abikorera kugira ngo hashyirwemo ibikorwa remezo bikenewe. Kugeza ubu, hakoreramo uruganda rumwe, hakaba hari n'urundi rurimo kubakwa kandi twizera ko narwo ruzarangira bidatinze.

119. Hari n'Icyanya cy'inganda cya Rusizi (Rusizi Industrial Park) gifite ubuso bwa hegitari mirongo ine n'eshanu (45 Ha). Inyigo yacyo yarakozwe, ndetse no kwimura abaturage byarakozwe. Ubu harimo gushyirwa ingufu muri gahunda yo gukorana n'abikorera kugira ngo hashyirwemo ibikorwa remezo bya ngombwa bikenewe. Kugeza ubu hakorerwamo inganda eshatu (3), hakaba hari n'izindi eshatu (3) zikiri kubakwa.

120. Hari n'icyanya cy'inganda cya Muhanga (Muhanga Industrial Park) cyateganyirijwe ubuso bungana na hegitari mirongo itandatu n'eshatu (63 Ha). Inyigo yacyo yarakozwe. Kwimura abaturage biteganyijwe mu mwaka w'ingengo y'imari utaha wa 2021/2022. Kubaka ibikorwa remezo bizakorwa nyuma yo kwimura abaturage. Hamaze kugeramo uruganda rumwe rwatangiye gukora; hari n'urundi rukirimo kubakwa.

121. Hari n'icyanya cy'inganda cya Nyagatare (Nyagatare Industrial Park). Inyigo yagaragaje ko kizubakwa ku buso bungana na hegitari mirongo itanu (50 Ha). Kwimura abaturage biteganyijwe ko bizakorwa mu mwaka w'ingengo y'imari utaha wa 2021/2022.

122. Hari n'icyanya cy'inganda cya Rubavu. (Rubavu Industrial Park). Ni icyanya giteganyijwe kuzubakwa ku buso bungana na hegitari mirongo itanu (50 Ha). Inyigo izakorwa mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2021/2022. Nyuma y'inyigo, hazakurikiraho kwimura bikwiye abaturage no kwihutisha ibikorwa remezo.

123. Mu rwego rwo kuzahura ubukungu, ibi byanya by'inganda ni inkingi ikomeye Guverinoma izakomeza gushyigikira. Muri urwo rwego, Guverinoma izarushaho kwihutisha ishyirwaho ry'ibikorwa remezo muri ibyo byanya by'inganda. Ibi bizatuma inganda zibona aho zikorera hakwiye bityo zizatange imirimo ku Banyarwanda benshi ndetse n'umusaruro wazo uzarusheho kwiyongera.

124. By'umwihariko, Guverinoma izagena ingengo y'imari yo gutunganya ibi byanya by'inganda nk'uko yagiye ibikora mbere ku byarangiye, harimo no kwimura abaturage batarimurwa, bakimurwa uko bikwiye bahabwa ingurane ikwiye.

125. Guverinoma izanihutisha ishyirwaho rw'urwego rwihariye rwo gucunga neza ibikorwa remezo byashyizwe mu byanya by'inganda. Urwo rwego ruzanafasha abo banyenganda kubona serivisi zihuse kandi hafi yabo.

126. Ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yo guteza imbere urwego rw'inganda nk'uko biteganyijwe muri Gahunda y'Igihugu yo kwihutisha iterambere (NST1), rizagira uruhare rugaragara mu bukungu bw'Igihugu cyacu nta gushidikanya. Ibi bizatuma mu 2024, uru rwego ruzamuka rugere kuri 21,7%, by'Umusaruro Mbumbe w'Igihugu (GDP), ruvuye kuri 16% twari turiho mu 2017.

- **Nyakubahwa Perezida wa Sena,**
- **Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite,**
- **Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida b'Imitwe yombi,**
- **Ba Nyakubahwa Basenateri,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite,**

127. Ibyo maze kubagezaho ni byo byari bikubiye mu kiganiro nari nateguye uyu munsi. Ariko mbere yo kurangiza, nkaba nagira ngo nongere mbashimire umwanya mwari mwangeneye muri ibi bihe bitoroshye bya COVID-19. Ndabashimira kandi kuba mwemeye ko ikiganiro tugikora dukoresheje ikoranabuhanga, kugira ngo dukomeze kwirinda icyorezo cya COVID-19.

128. Ndakomeza kandi kubizeza ko tuzashingira ku byo Itegeko Nshinga riteganya, tugakomeza kujya tubagezaho ku buryo buhoraho ibikorwa bya Guverinoma.

Murakoze.